REPUBULIKA Y'URWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

AKARERE KA NYAGATARE

B.P. 20 NYAGATARE

info@nyagatare.gov.rw

# ITAGANZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyagatare buramenyesha abantu bose bifuza kwinjira murwego rwunganira Akarere mu gucunga umutekano (DASSO) ko kifuza kohereza ababishaka kandi babishoboye kumahugurwa y'ibanze **(Basic training)**.

Inyandiko zibisaba zigomba kuba zageze mubiro bya Dasso kukarere ka Nyagatare guhera kuwa **01/09/2022** kugera kuwa **12/09/2022** Saa Kumi nimwe **(17h00')**

**Kugirango wemererwe kwinjira murwego rwunganira Akarere mu gucunga umutekano (DASSO) ugomba kuba wujuje ibi bikurikira:**

1. Kuba ari Umunyarwanda;
2. Kuba afite nibura imyaka 18 y'amavuko kandi atarengeje imyaka 35 Ku bantu bafite ubumenyi bwihariye iyi myaka ishobora kongerwa iyo bikenewe;
3. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
4. Kuba atarigeze akatirwa igifungo kirenze amezi atandatu (6);
5. Kuba afite impamyabumenyi n'ibura y'amashuri atandatu yisumbuye cyokora uwarangije amashuri atatu yisumbuye kandi afite ubumenyi bwihariye mu bijyanye n'umutekano ashobora kwinjizwa muri DASSO;
6. Kuba afite amagara mazima n'intege zibashije imirimo ya DASSO bigaragazwa n'inyandiko za muganga wemewe na leta;
7. Kuba atarigeze yirukanwa burundu ku kazi cyangwa ngo asezererwe nta mpaka ku murimo uwariwo wose wa leta;

**Uburyo bwo gusaba kwinjira muri DASSO:**

-Kuzuza form yabugenewe (**Application form**) iboneka kurubuga rw'Abakozi ba Leta **(website)** www.psc.gov.rw

-Fotokopi y'impamyabushobozi y'amashuri yize

-Fotokopi y'Indangamuntu

Bikorewe I Nyagatare, kuwa **31/08/2022.**

**GASANA Stephen**
**Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare**